>>> IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER <<<

MATA 2025

## VISI PEREZIDA WA SENA HONORABLE NYIRAHABIMANA YASABYE ABATURAGE B'AKARERE KWIRINDA AMACAKUBIRI N'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE



>>> SOMA PAJI YA 5

>>> SOMA PAJI YA 7

## MUSEBEYA- TARE: ABATURAGE BASABWE GUKOMEZA KUBUMBATIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA



SOMA PAJI YA 2 <<<

## MU KARERE HATANGIJWE ICYUMWERU CY'ICYUNAMO N'IMINSI 100 YO KWIBUKA KU NSHURO YA 31 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994





>>> SOMA PAJI YA 9

## ABANYESHURI B'ISHURI RIKURU RYA GISIRIKARE RYA NYAKINAMA BASUYE AKARERE BY'UMWIHARIKO IBIKORWA BY'UBUHINZI

# MU KARERE HATANGIJWE ICYUMWERU CY'ICYUNAMO N'IMINSI 100 YO KWIBUKA KU NSHURO YA 31 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO, Meya NIYOMWUNGERI, Brigade Commander, Col. NYAGATARE mu #Kwibuka31 i Mushubi***

Ku wa 07 Mata 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere hamwe n'abahagarariye amadini n'amatorero, bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Mushubi mu gutangiza ku rwego rw'Akarere Icyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Akarere kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha biyishamikiyeho.

Yaragize ati: "Muri iyi minsi 100 yo Kwibuka, turabasaba ko dufatanya tukirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyabangamira ubumwe bwacu.

Turabasaba dukomeje kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside, yaba iri mu magambo, mu bikorwa cyangwa se n'ibindi byaha biyishingiyeho.

Iyi minsi 100 yo Kwibuka ni igihe cyo gufatana mu mugongo ntabwo ari igihe cyo gutonekana. Kwibuka ni ukongera kureba amateka yacu uko ameze kose, tukayazirikana dufata ingamba zo kwirinda ko Jenoside yakongera kuba ukundi mu Rwanda."



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwirinda icyo ari cyo cyose cyahungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda***

Gutangiza ku rwego rw'Akarere Icyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi, byakomeje hunamirwa abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Mushubi.

Hacanwe kandi Urumuri rw'Icyizere ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi no ku rwa Kaduha.



***Imibiri iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Mushubi yarunamiwe***

## DEPITE UWUMUREMYI YASABYE ABABYEYI KUBWIZA ABANA BABO UKURI KU MATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



*Honorable Depite UWUMUREMYI mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi i Musange*

Honorable Depite UWUMUREMYI Marie Claire yasabye ababyeyi bo mu Karere ka Nyamagabe kubwiza abana babo ukuri ku bijyanye n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko nta yindi nyiturano igihugu kibategerejeho itari iyo kukirerera neza.

Ibi Honorable UWUMUREMYI yabibasabye ku wa 13 Mata 2025 ubwo yifatanyaga n'abayobozi hamwe n'abaturage b'Akarere mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Musange.

Yaragize ati: "Babyeyi, mugomba kubwiza abana banyu ukuri ku bijyanye n'amateka y'Igihugu cyacu by'umwihariko aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko nimutayababwira bazayumvira aho batagomba kuyumvira, musange bayatwaye macuri. Rero, nimutinyuke mubabwize ukuri."

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abitabiriye uyu muhango kutihanganira ushaka gukerensa ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Yaragize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi yatewe n'amacakubiri yimitswe na ba Gashakabuhake bagambiriye gusenya ubumwe bwacu. Nyuma imaze guhagarikwa, hatanzwe ikiguzi gikomeye kugira ngo Abanyarwanda bongere babe umwe. Iki kiguzi kirakomeye ku buryo tudashobora kwihanganira abashaka gukerensa ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Uyu muhango waranzwe n'ibikorwa byo kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bajugunywe mu mugezi wa Mwogo, kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 26 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Musange no gushyingura mu cyubahiro indi 2 yabonetse.



*Hunamiwe Abatutsi bishwe bakajugunywa muri Mwogo*



*Hashyinguwe kandi imibiri 2 yabonetse*

# URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA NYAMIGINA RWAHUJWE N'URWA MURAMBI MU RWEGO RWO KURUSHAHO KUBUNGABUNGA AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



***Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina yimuriwe mu rwa Murambi***

Ku wa 20 Mata 2025, ni bwo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina ruherereye mu Murenge wa Tare isaga ibihumbi 4, yimuriwe mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruherereye mu Murenge wa Gasaka.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina rwimuriwe mu rwa Murambi muri gahunda yo guhuza Inzibutso za Jenoside hagamijwe kurushaho kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yashimiye abafite ababo bari baruhukiye muri uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina bemeye ko bimurwa, abizeza ko ruzakomeza kuba ikimenyetso cy'amateka.

Yaragize ati: "Turabashimira ko mwemeye ko Urwibutso rwanyu ruhuzwa n'urwa Murambi. Turabizeza ko ruzakomeza kubungwabungwa nk'ikimenyetso cy'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Igikorwa cyo kwimura imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina, cyakurikiwe n'Umugoroba w'Ikiriyo wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Ibi bikorwa byombi byitabiriwe kandi na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, abahagarariye amadini n'amatorero n'abandi.



***Meya yavuze ko guhuza izi Nzibutso za Jenoside biri mu rwego rwo kurushaho kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***



***Meya NIYOMWUNGERI na Visi Meya HABIMANA mu Mugoroba w'Ikiriyo i Murambi***

# VISI PEREZIDA WA SENA HONORABLE NYIRAHABIMANA YASABYE ABATURAGE B'AKARERE KWIRINDA AMACAKUBIRI N'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE



***Visi Perezida wa Sena, Hon. NYIRAHABIMANA, Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. BIZIMANA na Guverineri KAYITESI mu #Kwibuka31 i Murambi***

Ubwo ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruherereye mu Murenge wa Gasaka, haberaga umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Honorable Solina NYIRAHABIMANA, Visi Perezida wa Sena, yasabye abaturage b'Akarere kurwanya amacakubiri no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse n'ibiyishamikiyeho byose.

Ku wa 21 Mata 1994 ni bwo Abatutsi basaga ibihumbi 50 bari bahungiye mu nyubako z'i Murambi ziteguraga kwakira abanyeshuri, bishwe urw'agashinyaguro bazira uko baremwe.

Ubwo bibukwaga ku nshuro ya 31, Honorable Solina NYIRAHABIMANA wari Umushyitsi Mukuru yasabye abaturage b'Akarere kurwanya amacakubiri no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse n'ibiyishamikiyeho byose.

Yaragize ati: "Mwirinde ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse n'ibiyishamikiyeho byose. Murasabwa kandi kutarangazwa n'abakomeje gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994".

By'umwihariko yabasabye kurinda urubyiruko amacakubiri n'ingeso mbi kugira ngo ruzakure ari urw'ingenzi ku Gihugu.




***Visi Perezida wa Sena, Hon. NYIRAHABIMANA yasabye abaturage b'Akarere kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside***

Umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 waberaga ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, wasojwe no gushyingura mu cyubahiro, imibiri igera ku 4201 yimuwe mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina, 7 yari ishyinguye mu miryango n'undi 1 wabonetse.



***Mu #Kwibuka31 i Murambi hashyinguwe imibiri irimo isaga ibihumbi 4 yimuwe mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamigina***

# KWIBUKA31 I KADUHA-ABAFITE AMAKURU Y'AHARI IMIBIRI Y'ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ITARASHYINGURWA BASABWE KUYATANGA



***Honorable Depite UWUMUREMYI yifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere mu #Kwibuka31 ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kaduha***

Mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kaduha, Honorable Depite UWUMUREMYI Marie Claire wari Umushyitsi Mukuru, yasabye abafite amakuru y'ahari imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 idashyinguye mu cyubahiro kuyatanga nayo igashyingurwa kuko bibasubiza agaciro bikanakomeza ababo.

Ku wa 26 Mata 2025, ni bwo mu Murenge wa Kaduha hibutswe Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 basaga ibihumbi 46 bari bahungiye kuri Paruwasi ya Kaduha.



***Abatutsi bibutswe i Kaduha, ni abasaga ibihumbi 46 biciwe kuri Paruwasi ya Kaduha***

Honorable Depite UWUMUREMYI Marie Claire yasabye abafite amakuru y'ahari imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 idashyinguye mu cyubahiro kuyatanga nayo igashyingurwa.

Yaragize ati: "Turasaba dukomeje abafite amakuru y'ahari imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itarashyingurwa, kuyatanga na yo ishyingurwe. Bibasubiza agaciro kandi bigakomeza ababo. Birababaje kubona imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ari uko aho iri hari kugezwa ibikorwaremezo"




***Honorable Depite UWUMUREMYI yasabye abafite amakuru y'ahari imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itarashyingurwa kuyatanga***

Umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kaduha, wasojwe no gushyingura mu cyubahiro umubiri umwe wabonetse.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Kaduha, ruruhukiyemo imibiri isaga ibihumbi 46 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakomoka mu byahoze ari Amakomini ya Muko, Karambo, Musange na Musebeya, bakaba bari bahungiye kuri Paruwasi ya Kaduha.

# MUSEBEYA- TARE: ABATURAGE BASABWE GUKOMEZA KUBUMBATIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA



*Abaturage ba Musebeya basabwe gukomeza kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda*

Ubwo abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe basuraga abaturage b'Umurenge wa Musebeya ku wa 15 Mata 2025, babasabye gukomeza kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ibi babibasabye binyuze mu bukangurambaga kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bakoreye mu Tugari twose tugize uyu Murenge.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wakoreye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Sekera, yabwiye abaturage b'Imidugudu ya Mugano, Masinde na Rugazi ko gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ari ubuzima kuko ihuriza hamwe Abanyarwanda ikanatuma bakomeza kurangwa n'indangagaciro ziboneye.

Meya NIYOMWUNGERI yatangiye asobanurira abaturage b'Akagari ka Sekera uko ubukoloni bwangije ubumwe bw'Abanyarwanda, bikaba ari nabyo byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yasabye abaturage b'aka Kagari kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda, kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside no kwirinda guha ishingiro Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iki kiganiro kuri gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda', Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we yagitanze mu Midugudu ya Rebero, Karambo na Ngoma yo mu Kagari ka Rusekera, mu gihe Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yagitanze mu Midugudu y'Akagari ka Nyarurambi ari yo Cyarwa, Mujyejuru, Giheta na Nyarurambi.



*Meya NIYOMWUNGERI atanga ikiganiro kuri gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda' muri Musebeya*

Ikiganiro kuri gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda', abagize Komite Nyobozi y'Akarere n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere bongeye kugitanga ku wa 16 no ku wa 17 Mata 2025, mu Tugari tw'Umurenge wa Tare.



*Visi Meya mu kiganiro cya 'Ndi Umunyarwanda i Tare*

## GASAKA- UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATURAGE KWIRINDA AMACAKUBIRI NO KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage muri Gasaka***

Ku wa 29 Mata 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere, SSP SANO NKERAMUGABA, yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Ngiryi, mu Murenge wa Gasaka.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'aka Kagari kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kwirinda guhohotera abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yaragize ati: "Mukwiriye kwirinda amacakubiri no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Mwibuke ko ingengabiterezo ya Jenoside ari icyaha kitungwa. Mwirinde kandi guhohotera abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere, SSP SANO NKERAMUGABA yasabye abarutage b'Akagari ka Ngiryi kugira uruhare mu gucunga umutekano barushaho kurara amarondo.

Yaragize ati: "Nubwo umutekano wanyu n'ibyanyu ucunzwe neza, namwe mugomba kugira uruhare mukuwusigasira mwitabira kurara amarondo."



***SSP NKERAMUGABA yasabye abaturage ba Ngiryi kurushaho kurara amarondo***

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Meya NIYOMWUNGERI afatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasaka yakiriye anakemura ibibazo by'abaturage.



***Abaturage b'Akagari ka Ngiryi bajije ibibazo binahabwa umurongo***

## ABANYESHURI B'ISHURI RIKURU RYA GISIRIKARE RYA NYAKINAMA BASUYE AKARERE BY'UMWIHARIKO IBIKORWA BY'UBUHINZI




***Abanyeshuri n'abarimu bo mu Ishuri rya Gisirikare rya Nyakinama basuye Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi***

Ku wa 03 Mata 2025, abanyeshuri n'abarimu b'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama riherereye mu Karere ka Musanze baherekejwe n'Umuyobozi waryo, Brig. General Andrew NYAMVUMBA, bagiriye urugendoshuri mu Karere rwari rufite insanganyamatsiko igira iti:" Politiki y'iterambere ry'ubuhinzi hagamijwe ukwihaza mu biribwa n'iterambere."

Babanje kwakirwa n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, berekwa ishusho y'Akarere by'umwihariko mu bijyanye n'ubuhinzi.



***Abanyeshuri n'abarimu b'Ishuri rya Gisirikare rya Nyakinama bakiriwe na Visi Meya HABIMANA***

Bakomereje ku gusura uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Factory), basobanurirwa imikorere yarwo.

Mbere yo gusoza urugendoshuri bagiriraga mu Karere, abanyeshuri n'abarimu b'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama bishimiye uko ubuyobozi bw'Akarere n'ubwa Kitabi Tea Factory bwabakiriye.

Babwijeje ko ibyo biboneye by'umwihariko muri uru Ruganda bigiye kubabera impamba.



***Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama basobanuriwe imikorere y'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi***

Buri mwaka, abanyeshuri n'abarimu bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama bakora urugendoshuri mu Turere dutandukanye tw'Igihugu, aho basura ibikorwa binyuranye.

Urw'uyu mwaka, rwibanze kuri politiki y'ubuhinzi, bareba niba intego Igihugu cyihaye zizagerwaho.

Barebye kandi ibibazo birimo ibiza, imihindagurikire y'ibihe, ubwiyongere bw'abaturage n'imbogamizi zikomeye zugarije ubuhinzi.

# UMUSHINGA SPARK MICROGRANTS URASHIMIRWA URUHARE UGIRA MU KUVANA MU BUKENE ABATURAGE B’UMURENGE WA NKOMANE



*Meya NIYOMWUNGERI ubwo yari ayoboye inama y’Umushinga Spark MicroGrants*

Ku wa 29 Mata 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye inama nyungurabitekerezo ku bikorwa by'inzira y'iterambere biterwa inkunga n’Umushinga Spark MicroGrants, ashima uruhare uyu Mushinga ugira mu kuvana mu bukene abaturage b’Umurenge wa Nkomane ukoreramo.

Muri iyi nama yitabiriwe n’Umuyobozi wa Spark MicroGrants mu Ntara y’Amajyepfo, Madame IGIRANEZA Blandine, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Nkomane, Bwana NTAGOZERA NGARAMBE Emmanuel, abakozi ba Spark MicroGrants bakorera ku rwego rw’Umurenge, abahagarariye Inyeyeri zikorera ku rwego rw'Umudugudu n’abandi, harebwe uko inzira y'iterambere yashyizwe mu bikorwa mu Midugudu 17 y'ikiciro cya mbere n’uko izashyirwa mu bikorwa mu Midugudu 18 y'ikiciro cya kabiri.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimye ibikorwa byakozwe n’Umushinga Spark MicroGrants, asaba ko no mu kiciro gikurikira hakomeza gushyirwa imbaraga mu bikorwa no gushingira ku masomo basigiwe n'ikiciro kirangiye.

Yavuze ko kuva uyu Mushinga watangira gukorera mu Murenge wa Nkomane, impinduka mu bukungu mu baturage zigenda zigaragara.

Yaragize ati: “Ikintu gikomeye dushimira Spark MicroGrants nk’umwe mu bafatanyabikorwa b’Akarere, ni uko imishinga yose iterwa inkunga nawo iba yaturutse mu bitekerezo by’abaturage, bakabanza bakaganira hagati yabo, noneho bishingiye ku cyo bakeneye bagakuramo umushinga, ubu bukaba ari uburyo bwiza bwaje nk’umwihariko kuri uyu mufatanyabikorwa.”

Meya NIYOMWUNGERI yongeyeho ko ahageze Spark hose ibipimo byose by’imihigo y’Akarere bihita bizamuka kuko abaturage baba bateye imbere bakizigama mu bimina, bakabona mituweli, abana bose bakiga, igwingira rigacika n’ibindi.

Avuga ko kandi uyu Mushinga witezweho kuba imbarutso yo kubona ko gukura abaturage mu bukene bishoboka koko.

Umushinga Spark MicroGrants ni umushinga mpuzamahanga ufite inkomoko muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Mu Karere ka Nyamagabe, ukorera mu Murenge wa Nkomane gusa.

# ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE RY'AKARERE (JADF) BASHIMIWE URUHARE BAGIRA MU GUKEMURA IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE MU KARERE



***Visi Meya UWAMARIYA mu nama n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF)***

Ku wa 24 Mata 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA ari kumwe na Perezida w'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere ka Nyamagabe (JADF Nyamagabe), Past. NZIMURINDA Emmanuel, yayoboye inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF), yiga ku bibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage mu Karere.

Visi Meya UWAMARIYA wagaragarije Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere aho Akarere gahagaze mu gahangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, ibyakoze muri urwo rwego ndetse n'ibikeneye gukorwa byihutirwa, yashimiye JADF Nyamagabe ku ruhare igira mu gufasha umuturage kugira ubuzima bwiza.

Muri Rusange hashimwe intambwe yatewe, aho Akarere gafatanyije n'Abafatanyabikorwa, ubukene mu baturage bwagabanutse buva kuri 70% mu myaka yabanje bugera kuri 51%.

Muri iyi inama, Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere biyemeje gutanga umusanzu wabo mu gukomeza guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage aho bahise batangiza gahunda yo kwitanga no kwegeranya ubushobozi.



***Perezida wa JADF Nyamagabe, Past. NZIMURINDA yavuze ko Abafatanyabikorwa b'Akarere biteguye guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage mu Karere***



***Bamwe mu bitabiriye inama yarebeye hamwe aho Akarere kageze gakemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage***

# KADUHA- HATASHYWE SITASIYO Y'IBIKOMOKA KURI PETEROLI



*Visi Meya HABIMANA mu gikorwa cyo gutaha sitasiyo y'ibikomoka kuri Peteroli i Kaduha*

Ku wa 25 Mata 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye igikorwa cyo gutaha sitasiyo icuruza ibikomoka kuri peteroli mu isanteri y'ubucuruzi ya Kaduha.

Isanteri y'ubucurizi ya Kaduha, ni imwe muri santeri z'ubucuruzi zikomeye zibarizwa mu Karere ka Nyamagabe.

Ni imwe kandi muri 2 zunganira Umujyi wa Nyamagabe.


Kugira ngo ukeneye ibikomoka kuri peteroli ari muri iyi santeri abibone, byamusabaga kujya mu ya Gasarenda ifatanya n'iyi kunganira Umujyi wa Njyamagabe, cyangwa se akajya mu ya Buhanda iherereye mu Karere ka Ruhango.

Ugereranyije intera iri hagati y'isanteri ya Kaduha n'izi zombi, nta n'imwe iri hafi yayo kurusha indi.

Kuri ubu abafite ibinyabiziga batuye n'abakunze kugenda muri iyi santeri ya Kaduha, barishimira ko batazongera gukora urugendo bajya gushaka ibikomoka kuri peteroli.

Umwe mu batwara abagenzi kuri moto muri santeri y'ubucuruzi ya Kaduha, aragira ati: "Kugira ngo tubone essence byadusabaga kujya ku Buhanda (Ruhango) cyangwa se mu Gsarenda. Urebye hose harareshya. Kuba rero mutwegereje iyi sitasiyo, rwose muradukoreye. Hehe no kongera kuvunika dukora urugendo. Hari igihe wajyaga gushaka essence, iyo wari ufite mu kinyabiziga ikagushiriraho mu nzira. Murumva ko byari ibibazo bikomeye."

Visi Meya HABIMANA wayoboye igikorwa cyo gutaha iyi sitasiyo, yashimiye umushoramari wahisemo kuyizana muri iyi santeri ya Kaduha, asaba abafite ibinyabiziga kuyiyoboka kugira ngo atazahomba kuko hari byinshi aba yigomwe.



*Visi Meya HABIMANA yafunguye ku mugaragaro sitasiyo icuruza ibikomoka kuri peteroli mu isanteri ya Kaduha*

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**